Imicungire Ikomatanyije Y'uburumbuke Bw'ubutaka

Birashoboka kongera ku buryo burambye ukwihaza mu biribwa hakoreshejwe ubuhinzi bugamije kweza umusaruro mwinshi ku buso buto mu Rwanda by'umwihariko ndetse no mu karere k'ibiyaga bigari bya Afurika.

IFDC, ikigo mpuzamahanga gishinzwe uburumbuke bw'ubutaka n'iterambere ry'ubuhinzi cyatangiye kwita kuri icyo kibazo kifashishije umushinga CATALIST (umushinga ugamije kwihutisha ubuhinzi bushingiye ku kweza umusaruro mwinshi ku buso buto, nk'uburyo bwo kubungabunga imibereho myiza y'abaturage n'ibidukikije.

Uwo mushinga CATALIST wamamaza kandi uteza imbere ubuhinzi bw'umwuga bugamije inyungu y'abahinzi borozi kandi burambye bushingiye ku micungire ikomatanyije y'uburumbuke bw'ubutaka (Mu magambo ahinnye y'igifaransa: GIFS: Gestion Integrée de la Fertilité du Sol; mu magambo ahinye y'icyongereza ISFM: Integrated Soil Fertility Management), hakoreshejwe icyarimwe amafumbire mvaruganda, indumburabutaka, n'ubundi buryo bwose bukoreshwa mu gufata neza ubutaka. Ibyo bituma umusaruro w'ibihingwa wiyongera kandi ibidukikije bikabungwabungwa.

Imicungire ikomatanye y'uburumbuke bw'ubutaka (GIFS, ISFM) ni bwo buryo bwiza bushoboka bwo gukoresha:

- Imyunyu-ngugu iri mu butaka;
- Indumburabutaka ziboneka mu karere dutuyemo;
- Amafumbire-mvaruganda;

Mu rwego rwo kongera umusaruro kandi uburumbuke bw'ubutaka bukiyongera bukanamara igihe kirerekire.

Kugira ngo imicungire ikomatanyije y'uburumbuke bw'ubutaka yumvikane, IFDC CATALIST yateguye udutabo tw'iyamamazabuhinzi 9 tugenewe abagoronome n'abamamazabuhinzi.

Agatabo ka mbere n'aka kabiri twibanda ku micungire ikomatanye y'uburumbuke bw'ubutaka

muri rusange naho udutabo tundi dutanga ibisobanuro birambuye ku ikoranabuhanga-shingiro n'ikoranabuhanga ry'inyongera mu micungire ikomatanyije y'uburumbuke bw'ubutaka (GIFS). Utwo dutabo uko dukurikiranye turuzuzanya.

Ibikubiye muri utwo dutabo

- ✓ Agatabo ka 1: Ingingo ngenderwaho n'ikoranabuhanga mu micungire ikomatanyije y`uburumbuke bw'ubutaka;
- ✓ Agatabo ka 2: Kuki hakoreshwa amafumbire-mvaruganda mu buhinzi bugamije kweza umusaruro mwinshi ku buso buto;
- ✓ Agatabo ka 3: Intunga-buzima z'ibihingwa n'akamaro kazo mu buhinzi;
- ✓ Agatabo ka 4: Amafumbire-mvaruganda, uko ateye, uko apfunyitse n'uko abikwa;
- ✓ Agatabo ka 5: Ibishobora kugira uruhare ku mikoreshereze myiza y'amafumbire-mvaruganda;
- ✓ Agatabo ka 6: Uburyo bwo gushyira amafumbire ku bihingwa n'ingaruka mu ikoreshwa ryayo;
- ✓ Agatabo ka 7: Imicungire y'ubusharire bw'ubutaka;
- ✓ Agatabo ka 8: Imicungire y'imborera mu butaka;
- ✓ Agatabo ka 9: Kurwanya indwara n'ibyonnyi ku bihingwa by'ingenzi.

Amafishi tekiniki y'abahinzi n'ayo kubara urwunguko ari gutegurwa , azaboneka mu gihe kitarambiranye.

Thomas Hatangimana *et* ***Claudine Hitimana***
Agronome Communication

IFDC Rwanda
3064, Akanyaru Street, Kiyovu - B.P. 6758 - Kigali - Rwanda
Tel: +250 55 10 42 11 • www.ifdc.org • Email: ifdcrwanda@ifdc.org